Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubuzima

Rwanda Biomedical Centre
Healthy People, Wealthy Nation

# IBIBAZO N'IBISUBIZO KU NDWARA YA MALARIYA

## IMITI IVURA MALARIYA N'UBURYO BUSHYA BWO KUYIVURA MU RWANDA




Nzeri 2025

# IBIKUBIYEMO


I. MFT ........................................................................................................ 3

1. IBIBAZO BYAKWIBAZWA NA BURI WESE ................................................... 3

2. IBIBAZO BIREBA ABAFATANYABIKORWA N'ABAYOBOZI ........................... 5

3.IBIBAZO KU BASHINZWE UBUZIMA (ABAVURA N'ABATANGA IMITI) ......... 7

4. IBIBAZO BIREBA ABAJYANAMA B'UBUZIMA .............................................. 9

5. IBIBAZO KU MURWAYI N'ABATURAGE MURI RUSANGE ........................... 10

II. MENYA INDWARA YA MALARIYA .................................................................. 12

# I. MFT

## 1. IBIBAZO BYAKWIBAZWA NA BURI WESE

### Ikibazo: MFT ni iki? Kuki u Rwanda rwahisemo kuyikoresha?

**Igisubizo:** MFT (Multiple First-Line Therapies) ni uburyo bwo gukoresha imiti irenze umwe mu kuvura indwara ya Malariya yoroheje ariko umuntu agahabwa ubwoko butandukanye n'ubw'uwundi (mu yemewe) bitewe n'agace aba aherereyemo. U Rwanda rwahisemo ukoresha ubu buryo bwa MFT mu rwego rwo kwirinda ko udukoko dutera Malariya tumenyera umuti umwe gusa, hakabaho kugabanuka k'ubudahangarwa

### Ikibazo: MFT ikoreshwa ite mu Rwanda?

**Igisubizo:** Mu gushyira mu bikorwa iyi gahunda, uturere two mu Rwanda twashyizwe mu matsinda atatu.

Buri tsinda rizajya rikoresha umuti utandukanye n'ukoreshwa mu rindi tisinda mu gihe kingana n'umwaka, nyuma y'umwaka buri tsinda rizajya rihindura umuti ryakoreshaga, rihabwe undi muti wakoreshwaga mu rindi tsinda Ibi bigakorwa buri mwaka.

| Itsinda A | Itsinda B | Itsinda C |
|---|---|---|
| Nyagatare, Gicumbi, Gatsibo, Gasabo, Nyarugenge, Kicukiro, Rwamagana, Kayonza, Bugesera, Ngoma, Kirehe). | Muhanga, Kamonyi, Ruhango, Nyanza, Nyamagabe, Huye, Nyaruguru, Gisagara. | Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro, Ngororero, Gakenke, Nyabihu, Rubavu, Musanze, Burera, Rulindo |

### Ikibazo: Ni iyihe miti ikoreshwa muri gahunda ya MFT mu Rwanda?

**Igisubizo:** Mu Rwanda hakoreshwa imiti iri mu bwoko

butatu ari bwo:

1. Artemether - Lumefantrine (AL)(Coartem),
2. Pyronaridine-Artesunate (ASPY), na
3. Dihydroartemisinin-Piperaquine (DHAP).

### Ikibazo: Kuki hatakoreshwa umuti umwe gusa?

**Igisubizo:** Gukoresha ubwoko bumwe gusa bw'imiti byongera ibyago byo kugabanya imbaraga z'imiti bikanihutisha

kugabanuka k'ubudahangarwa bwayo.

### Ikibazo: Ese abarwayi cyangwa abaganga bashobora kwihitiramo ubwoko bw'umuti bakoresha?

**Igisubizo:** Oya. Minisiteri y'Ubuzima ni yo igenera amavuriro n'Abajyanama b'Ubuzima imiti bakoresha bitewe n'itsinda akarere kabo kabarizwamo.

**Ikibazo: Kuki abarwayi bahabwa imiti itandukanye bitewe n'uduce baherereyemo?**

**Igisubizo:** Bikorwa mu rwego rwo kwirinda ko udukoko dutera Malariya tumenyera umuti umwe bikaba byavamo kugabanya ubudahangarwa.

**Ikibazo: Ni gute hakwirindwa urujijo kuri gahunda ya MFT?**

Igisubizo:

- Guhanahana amakuru
- Guhugura abazagira uruhare muri MFT no gukora ubukangurambaga

**Ikibazo: Ese iyi miti irizewe?**

**Igisubizo:** Yego. Imiti yose ikoreshwa muri gahunda ya MFT yemejwe n'ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku buzima (OMS). Inagaragazwa kandi mu mabwiriza yo kuvura Malariya mu Rwanda yashyizweho na Minisiteri y'Ubuzima.

**Ikibazo: Umuntu yakora iki akomeje kugira ibimenyetso bya Malariya kandi yamaze imiti ya Malariya yandikiwe?**

**Igisubizo:** Urasabwa kwihutira kujya kwa muganga ukitabwaho byaba ngombwa ugahindurirwa umuti.

**Ikibazo: Ese iyi miti ikoreshwa n'abantu bafite imyaka iyariyo yose y'ubukure?**

**Igisubizo:** Yego. Ibisobanuro birambuye bigaragazwa n'amabwiriza y'igihugu yo kuvura Malariya.

**Ikibazo: Ese abarwayi bazajya bahabwa ubwoko bumwe bw'umuti buri gihe?**

**Igisubizo:** Oya, ntabwo ari buri gihe. bizajya biterwa n'ubwoko bw'umuti utangwa mu itsinda akarere gaherereyemo.

**Ikibazo: Iyo miti izajya ihindurwa nyuma y'igihe kingana iki?**

**Igisubizo:** Muri buri tsinda, ubwoko bw'umuti ukoreshwa buzajya buhindurwa buri mwaka hatangwe undi.

**Ikibazo: Ese iyi gahunda ya MFT ni yo izahora ikoreshwa?**

**Igisubizo:** Ubu buryo buzakomeza gukurikiranwa, hakorwe ubushakashatsi kugira ngo habeho impinduka igihe ari ngombwa.

# 2. IBIBAZO BIREBA ABAFATANYABIKORWA N'ABAYOBOZI

**Ikibazo: Iyi gahunda ya MFT igamije iki?**

**Igisubizo:** U Rwanda rwahisemo gukoresha ubu buryo bwa MFT mu rwego rwo kwirinda ko udukoko dutera Malariya tumenyera umuti umwe gusa, hakabaho kugabanuka k'ubudahangarwa.

**Ikibazo: Niki gihamya ko iyi gahunda ya MFT ikora neza?**

**Igisubizo:** Inyigo zakozwe mu Rwanda, ubushakashatsi bwakozwe mu bindi bihugu n' amabwiriza ya OMS bigaragazako iyi gahunda ya MFT ifasha imiti gukora igihe kinini itaratakaza ubudahangarwa kandi ikavura neza.

**Ikibazo: Kuki u Rwanda rwahisemo gushyira mu bikorwa gahunda ya MFT ubu?**

**Igisubizo:** U Rwanda rwahisemo gutangira iyi gahunda ubu mu rwego rwo guhangana n'ubwiyongere bwa Malariya n'ubudahangarwa bwatangiye kugaragara ku muti wari usanzwe ukoreshwa wa Coartem, kandi bigafasha kubungabunga intambwe nziza zagezweho mu kurwanya Malariya.

**Ikibazo: Ni izihe nyungu ziri mu gukoresha gahunda ya MFT?**

**Igisubizo:**

- Kurinda imiti gutakaza ubushobozi bwo kuvura
- Kugabanya ubwiyongere bwa Malariya

**Ikibazo: Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda ya MFT rizagenzurwa gute?**

**Igisubizo:** Bikorwa hagenzurwa itangwa ry'imiti, amakuru atangwa muri HMIS, ubushakashatsi bukorwa mu kureba imivurire (TES), hagakorwa kandi igenzura ku budahangarwa bw'imiti.

**Ikibazo: Birakwiye gushora imari muri iyi gahunda?**

**Igisubizo:** Yego, ni ngombwa gushora imari muri iyi gahunda. Bizatuma:

- Imiti ikenewe mu buvuzi iboneka ku buryo buhagije kandi ihendutse.
- Gukumira ubwiyongere bwa Malariya

**Ikibazo: Nta busumbane buzaba mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda ya MFT?**

**Igisubizo:** Iyi gahunda yateguwe nta kurobanura ku buryo izagera ku baturage bose mu buryo bumwe. Imiti yose ikoreshwa iremewe, inafite ubushobozi bumwe kandi nta buryo bwihariye umuntu yawubonamo kurusha undi.

**Ikibazo: Ni izihe ngamba zihari kugira ngo MFT ikore neza mu Rwanda?**

**Igisubizo:** Gukora ibishoboka byose ngo imiti ntizigere ibura kandi icungwe neza, guhugura abakozi, no gukomeza gusobanurira abaturage iyi gahunda.

**Ikibazo: Ni iyihe myiteguro yakozwe mu kugeza imiti ahantu hose?**

**Igisubizo:** Igenamigambi ryo kugura no gutanga imiti ryateguwe neza kuburyo ubwoko bwose bw'imiti buzaboneka ku gihe.

**Ikibazo: Abikorera (urugaga rw'abikorera, amavuriro yigenga, amaguriro y'imiti ...), bazitwara bate muri iyi gahunda?**

**Igisubizo:** Abikorera basabwa kubahiriza amabwiriza agenga gahunda ya MFT.

**Ikibazo: Ni izihe ngamba zihari ku bijyanye n'imikoranire yambukiranya imipaka mu gukoresha imiti?**

**Igisubizo:**

- Minisiteri y'Ubuzima izakomeza gukorana na OMS mu gushyira mu bikorwa ingamba zihamye zo kurwanya Malariya
- U Rwanda ruzakomeza gukorana n'ibihugu bihana imbibi muri gahunda yo gukomeza kurwanya Malariya
- Ubukangurambaga n'imikoranire n'abaturage baturiye imipaka

**Ikibazo: Ni uruhe ruhare rw'abafatanyabikorwa muri iyi gahunda ya MFT?**

**Igisubizo:** Abafatanyabikorwa bafite uruhare rukurikira:

- Kongerera ubushobozi inzego zitandukanye
- Gukusanya ubushobozi
- Gukora ubukangurambaga
- Gutumiza no gutanga imiti n'ibindi
- Gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda

# 3. IBIBAZO BIREBA ABAVURA N'ABATANGA IMITI

**Ikibazo: Ni izihe mpinduka zigiye kuba ku buryo bwo kuvura Malariya ku mavuriro muri iyi gahunda ya MFT?**

**Igisubizo:** Buri vuriro n'Abajyanama b'Ubuzima bazakira ubwoko bumwe gusa bw'umuti bitewe n'itsinda akarere gaherereyemo. Uyu muti akaba ariwo uzakoreshwa mu kuvura Malariya yoroheje. Umurwayi wakomeje kugaragaza ibimenyetso kandi yaramaze imiti yandikiwe azongera asuzumwe Malariya ni biba ngombwa muganga amuhindurire umuti.

**Ikibazo: Iyi miti yizewe ku kihe kigero?**

**Igisubizo:** Iyi miti yose uko ari itatu yatoranyijwe muri iyi gahunda ya MFT yagaragaje ubushobozi bwo kuvura neza mu Rwanda ku kigero kiri hejuru ya 95% kandi ikaba yaremejwe na OMS.

**Ikibazo: Iyi gahunda ya MFT ntizatuma habaho ibura ry'iyi miti rya hato na hato?**

**Igisubizo:** Oya, uburyo bwo kugura no gutumiza imiti ku rwego rw'igihugu bwateguwe neza kugira ngo imiti ntizajye ibura mu bubiko bwayo.

Ku rwego rw'amavuriro, buri site ihabwa ubwoko bumwe gusa bw'umuti, ibi bikaba byorohereza itangwa ry'imiti umunsi ku wundi.

***Icyitonderwa:** Amavuriro aba afite ubundi bwoko bw'imiti yo gukoresha igihe bibaye ngombwa.*

**Ikibazo: Uruhare rwanjye ni uruhe muri iyi gahunda ya MFT?**

**Igisubizo:** Uruhare rwawe ni:

- Kubahiriza amabwiriza agenga kuvura Malariya mu Rwanda
- Gukurikiza amabwiriza ya MFT
- Kubahiriza amahame ngengamyitwarire n'ay'umwuga
- Kumenyekanisha ikibazo cyose wahuye nacyo cyangwa igihe habayeho kuvura umurwayi ntakire neza.

**Ikibazo: Ni iki nasubiza umurwayi igihe ambajije impamvu ahawe umuti utandukanye nuwo bahaye abandi cyangwa uwo amenyereye?**

**Igisubizo:** Uramusobanurira ko:

- Uturere twose twashyizwe mu matsinda atatu (A,B,C)
- Umurwayi ahabwa umuti bitewe n'itsinda akarere gaherereyemo
- Kugira ngo hakorwe ibishoboka byose ngo imiti ivura Malariya ikomeze gukora neza kandi igihe kirekire

**Ikibazo: Nabwira iki umurwayi igihe ansabye kumuha umuti utandukanye n'uri gutangwa mu karere kacu?**

**Igisubizo:** Sobanurira umurwayi ko imiti yose ikora kimwe kandi yizewe yose, kandi ko buri gace gakoresha umuti wako mu rwego rwo gukomeza kurinda ubuzima bwa buri wese.

**Ikibazo: Ese abantu bose bakoresha iyi miti?**

**Igisubizo:** Yego, hafi ya bose. Urasabwa gukurikiza amabwiriza yo ku rwego rw'Igihugu, cyane cyane wite ku bagore batwite, abana bari munsi y'imyaka 5 n'abandi bafite ibyago byinshi byo kuzahazwa na Malariya

**Ikibazo: Biremewe gukoresha MFT kuri Malariya y'igikatu?**

**Igisubizo:** Oya. Urasabwa kuvura umurwayi wa Malariya y'igikatu ukurikije amabwiriza asanzwe yo ku rwego rw'Igihugu.

Igihe umurwayi yorohewe abasha kumira umuti ni bwo umuvura ukoresheje uburyo bwa MFT mu gihe kingana n'iminsi itatu ikurikiranye.

**Ikibazo: Byabaho ko umurwayi yafata uyu muti ntakire?**

**Igisubizo:** Yego. Igihe cyose umurwayi amaze imiti ariko agakomeza kugaragaza ibimenyetso urasabwa kumukurikirana byaba ngombwa ukamuhindurira umuti. Umurwayi arasabwa gufata umuti kugeza igihe giteganyijwe kabone n' iyo yumva yatangiye koroherwa cyangwa gukira.

**Ikibazo: Hakorwa iki igihe imiti ya MFT igiye kudushirana mu bubiko?**

**Igisubizo:** Urasabwa kumenyesha ishami rya RMS mu karere uherereyemo.

***Icyitonderwa:*** *Urasabwa kugenzura imiti iri mu bubiko hagamijwe kwirinda kwangirika kw'imiti no kugushirana.*

**Ikibazo: Ni gute natanga umusanzu wanjye mu gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya MFT?**

**Igisubizo:** Uruhare rwawe ni ingenzi kugira ngo haboneke amakuru yizewe mu gusuzuma uko iyi gahunda ishyirwa mu bikorwa.

- Kurikiza amakuru agenga MFT no kuvura Malariya mu Rwanda
- Tangira amakuru ku gihe y'imigendekere n'imbogamazi zigaragara muri gahunda ya MFT

# 4. IBIBAZO BIREBA ABAJYANAMA B'UBUZIMA

**Ikibazo: Nabwira abarwayi bangana ko gahunda ya MFT ari iki?**

**Igisubizo:** Wababwira ko MFT ari uburyo bwo gukoresha imiti irenze umwe mu kuvura indwara ya Malariya ariko umuntu agahabwa ubwoko butandukanye n'ubw'uwundi (mu yemewe) bitewe n'agace aba aherereyemo. U Rwanda rwahisemo gukoresha ubu buryo bwa MFT mu rwego rwo kwirinda ko udukoko dutera Malariya tumenyera umuti umwe gusa, hakabaho kugabanuka k'ubudahangarwa

**Ikibazo: Uruhare rwanjye ni uruhe muri MFT?**

**Igisubizo:** Uruhare rwawe ni:

- Gusuzuma Malariya,
- Gutanga umuti wagenewe itsinda akarere kawe gaherereyemo
- Kwigisha umurwayi akamaro ko kwivuza kare no gufata imiti neza

**Ikibazo: Nakomeza gukoresha TDR mu gusuzuma Malariya?**

**Igisubizo:** Yego. wakomeza gusuzuma Malariya ukoresheje TDR mbere yo gutanga umuti.

**Ikibazo: Ni ubuhe bwoko bw'umuti nakoresha mvura abarwayi?**

**Igisubizo:** wemerewe gukoresha umuti watanzwe mu itsinda akarere kawe gaherereyemo.

**Ikibazo: Nakora iki igihe umurwayi akomeje kugira ibimenyetso bya Malariya kandi yamaze imiti ya Malariya yandikiwe?**

**Igisubizo:** Ugomba kwihutira kohereza umurwayi ku kigo nderabuzima kugira ngo yitabweho.

**Ikibazo: Ni ubuhe buryo nandikamo amakuru yo kuvura Malariya muri iyi gahunda ya MFT?**

**Igisubizo:** Ni ugukomeza gukoresha ibitabo bisanzwe by'Umujyanama w'Ubuzima , cyangwa muri sisitemu mu buryo bw'ikoranabuhanga kugira ngo habeho gukurikirana neza amakuru ya MFT.

**Ikibazo: Nemerewe kuvura umurwayi uturutse mu rindi tsinda ritari iryo mbarizwamo nkoresheje umuti wagenewe itsinda ndimo gusa?**

**Igisubizo: Yego. Wemerewe kumuvurisha umuti wo mu itsinda urimo, ugatanga amakuru.**

**Ikibazo: Abagore batwite, abana bari munsi y'imyaka 5 n'abandi bafite ibyago byinshi byo kuzahazwa na Malariya bemerewe guhabwa iyi miti?**

**Igisubizo:** Urasabwa gukurikiza amabwiriza yo ku rwego rw'Igihugu mu kuvura abagore batwite, abana bari munsi y'imyaka 5 n'abandi bafite ibyago byinshi byo kuzahazwa na Malariya

**Ikibazo: Mbaye mfite imiti nakoreshaga mbere nemerewe gukomeza kuyikoresha muri MFT?**

**Igisubizo:** Igihe iyo miti atariyo ikoreshwa mu itsinda ubarizwamo, urasabwa kuyishyikiriza ikigo nderabuzima ugahabwa ikoreshwa muri iryo tsinda.

# 5. IBIBAZO KU BARWAYI N'ABANDI BATURAGE MURI RUSANGE

**Ikibazo: MFT ni iki? Kuki u Rwanda rwahisemo kuyikoresha?**

**Igisubizo:** MFT (Multiple First-Line Therapies) ni uburyo bwo gukoresha imiti irenze umwe mu kuvura indwara ya Malariya yoroheje ariko umuntu agahabwa ubwoko butandukanye n'ubw'uwundi (mu yemewe) bitewe n'itsinda akarere ke gaherereyemo. U Rwanda rwahisemo gukoresha ubu buryo bwa MFT mu rwego rwo kwirinda ko udukoko dutera Malariya tumenyera umuti umwe gusa, hakabaho kugabanuka k'ubudahangarwa.

**Ikibazo: MFT ikoreshwa ite mu Rwanda?**

**Igisubizo:** Mu gushyira mu bikorwa iyi gahunda, uturere two mu Rwanda twashyizwe mu matsinda atatu. Buri tsinda rizajya rikoresha umuti utandukanye n'ukoreshwa mu rindi tisinda mu gihe kingana n'umwaka, nyuma y'umwaka buri tsinda rizajya rihindura umuti ryakoreshaga, rihabwe undi muti wakoreshwaga mu rindi tsinda Ibi bigakorwa buri mwaka.

| Itsinda A | Itsinda B | Itsinda C |
|---|---|---|
| Nyagatare, Gicumbi, Gatsibo, Gasabo, Nyarugenge, Kicukiro, Rwamagana, Kayonza, Bugesera, Ngoma, Kirehe). | Muhanga, Kamonyi, Ruhango, Nyanza, Nyamagabe, Huye, Nyaruguru, Gisagara. | Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro, Ngororero, Gakenke, Nyabihu, Rubavu, Musanze, Burera, Rulindo |

**Ikibazo: Ni iyihe miti ikoreshwa muri gahunda ya MFT mu Rwanda?**

**Igisubizo:** Mu Rwanda hakoreshwa imiti iri mu bwoko butatu ari bwo:

1. Artemether - Lumefantrine (AL), (Coartem)
2. Pyronaridine-Artesunate (ASPY), na
3. Dihydroartemisinin-Piperaquine (DHAP).

**Ikibazo: Kuki hatakoreshwa umuti umwe gusa?**

**Igisubizo:** Gukoresha ubwoko bumwe gusa bw'imiti byongera ibyago byo kugabanya imbaraga z'imiti bikanihutisha kugabanuka k'ubudahangarwa bwayo.

**Ikibazo: Ese abarwayi cyangwa abaganga bashobora kwihitiramo ubwoko bw'umuti bakoresha?**

**Igisubizo:** Oya. Minisiteri y'Ubuzima ni yo igenera amavuriro n'Abajyanama b'Ubuzima imiti bakoresha bitewe n'itsinda akarere kabo kabarizwamo.

**Ikibazo: Ni gute hakwirindwa urujijo kuri gahunda ya MFT?**

**Igisubizo:**

- Guhanahana amakuru
- Guhugura abazagira uruhare muri MFT no gukora ubukangurambaga

**Ikibazo: Ese iyi miti irizewe?**

**Igisubizo:** Yego. Imiti yose ikoreshwa muri gahunda ya MFT yemejwe n'ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku buzima (OMS). Inagaragazwa kandi mu mabwiriza yo kuvura Malariya mu Rwanda yashyizweho na Minisiteri y'Ubuzima.

**Ikibazo: Umuntu yakora iki akomeje kugira ibimenyetso bya Malariya kandi yamaze imiti ya Malariya yandikiwe?**

**Igisubizo:** Urasabwa kwihutira kujya kwa muganga ukitabwaho byaba ngombwa ugahindurirwa umuti.

**Ikibazo: Ese iyi miti ikoreshwa n'abantu bafite imyaka iyariyo yose y'ubukure?**

**Igisubizo:** Yego. Ibisobanuro birambuye bigaragazwa n'amabwiriza y'igihugu yo kuvura Malariya.

**Ikibazo: Ese abarwayi bazajya bahabwa ubwoko bumwe bw'umuti buri gihe?**

**Igisubizo:** Oya, ntabwo ari buri gihe. bizajya biterwa n'ubwoko bw'umuti utangwa mu itsinda akarere gahererereyemo.

**Ikibazo: Iyo miti izajya ihindurwa nyuma y'igihe kingana iki?**

**Igisubizo:** Muri buri tsinda, ubwoko bw'umuti ukoreshwa buzajya buhindurwa buri mwaka hatangwe undi.

**Ikibazo: Ese iyi gahunda ya MFT ni yo izahora ikoreshwa?**

**Igisubizo:** Ubu buryo buzakomeza gukurikiranwa, hakorwe ubushakashatsi kugira ngo habeho impinduka igihe ari ngombwa.

**Ikibazo: Biracyari ngombwa ko mbanza kwisuzumisha mbere yo gufata uyu muti wa Malariya?**

**Igisubizo:** Yego. Ni ngombwa ko buri gihe ufata umuti wandikiwe n'umujyanama w'ubuzima cyangwa muganga gusa nyuma yo kugusuzuma.

**Ikibazo: Ese nemerewe gukoresha imiti nasigaranye igihe naherukaga kurwara cyangwa kunywa imiti y'iminsi 2 icyarimwe igihe hari umunsi nasimbutse?**

**Igisubizo:** Oya. Ntibyemewe.

- Byatuma umuti udakora neza cyangwa hakabaho kugabanuka k'ubudahangarwa bw'umuti.
- Birabujijwe gucikiriza imiti, ugomba kuyifata yose nkuko umujyanama w'ubuzima cyangwa muganga yayikwandikiye cyangwa kunywera rimwe iy'ibihe bitandukanye igihe hari uwo utafashe.
- Igihe utarangije umuti uko bawukwandikiye Malariya igaruka kandi ikaza ari igikatu bikagorana cyane kukuvura. Ikindi nuko byongera ibyago byo gusakaza udukoko dutera Malariya twagize ubudahangarwa ku miti.

**Ikibazo: Umuti wanjye cyangwa uwo umwana wanjye afata nawuhaho undi muntu?**

**Igisubizo:** Oya. Kirazira gusangira imiti wandikiwe. Buri muntu urwaye Malariya ahabwa umuti ku giti cye.

**Ikibazo: Nakora iki igihe mfashe umuti ukangwa nabi?**

**Igisubizo:** Ihutire kujya ku mujyanama w'ubuzima cyangwa kwa muganga kugirango witabweho.

# II. MENYA INDWARA YA MALARIYA

**Ikibazo: Malariya ni iki?**

**Igisubizo:** Malariya ni indwara iterwa n'udukoko two mu bwoko bwa Plasimodiyumu dukwirakwizwa mu bantu no kurumwa n'umubu w'ingore witwa anofele

**Ikibazo: Malariya isuzumwa ite?**

**Igisubizo:** Malariya isuzumwa hapimwa ubwoko bw'udukoko umuntu afite n'ingano yatwo mu maraso hakoreshejwe mikorosikopi-icyuma gifasha kumenya ubwoko bw'udukoko umuntu afite n'ingano yatwo mu maraso. Abajyanama b'Ubuzima bakoresha TDR mu gusuzuma Malariya.

**Ikibazo: Malariya ibamo ubwoko bungahe? Butandukaniye ku ki?**

**Igisubizo:** Malariya ifite ubwoko bubiri: Malariya yoroheje na Malariya y'igikatu.

Itandukaniro hagati ya Malariya yoroheje na Malariya y'igikatu. Rimwe na rimwe ntibyoroshye kwemeza ko kuba utameze neza byaba bitewe na malariya aho kuba indi ndwara.

Impamvu ziyitera zimwe ntabwo zizwi aliko akenshi ziza zikurikiye malariya yoroshye yavuwe nabi cyangwa itaramenyekanye.

| Ubwoko bwa Malariya | Ibimenyetso |
|---|---|
| **Malariya yoroheje** | Umuriro uri hejuru ya 37.5 ° C uherekejwe rimwe na rimwe n'amavunane |
| | Kugira umuriro mu masaha 24 ashize, |
| | Kubabara umutwe |
| | Gucika intege |
| | Kubabara mu ngingo |
| | Kumva ukonje no gutengurwa |
| | Kubura ubushake bwo kurya |
| | Kuzungera |
| **Malariya y'igikatu** | Guhwera (guta ubwenge bikabije) utabasha kwinyeganyeza |
| | Kunanirwa konka (ku mwana) |
| | Kuruka ibyo uriye byose inshuro nyinshi |
| | Kugagara no guta ubwenge |
| | Gucika intege cyane, kutabasha guhagarara no kugenda |
| | Guhondobera |
| | Guhumeka bigoranye/kuniha |
| | Kuva amaraso mu myanya itandukanye y'umubiri (amazuru, amatwi, mu kanwa, kwihagarika amaraso ntakame) |
| | Umubiri wabaye umuhondo/ kwihagarika inkari zijimye |
| | Kweruruka ibiganza no guhenengera amaso |

***Icyitonderwa:*** *Umurwayi ufite Malariya y'igikatu agomba kwihutishwa ku bitaro byisumbuyeho cyangwa.Umujyanama w'Ubuzima asabwa guhita amwohereza ako kanya akibonako afite ibimenyetso mpuruza.*

## **Ikibazo: Malariya ivurwa ite mu Rwanda?**

**Igisubizo:** Malariya ivurwa nyuma yo kwisuzumisha bikagaragarako umuntu arwaye iyoroheje cyangwa iy'igikatu.

**Uko Malariya yoroheje ivurwa muri gahunda ya MFT:**

Hakoreshwa imiti itatu igenda isimburanywa mu matsinda atatu uturere tw'igihugu tugabanyijwemo, iyo miti ni:

- Artemether-Lumefantrine (AL)(Coartem)
- Dihydroartemisinin-Piperaquine (DHAP)
- Artesunate-Pyronaridine (ASPY),

**Uko Malariya y'igikatu ivurwa muri gahunda ya MFT:** Malariya y'igikatu ivurwa hakoreshejwe

- Inshinge z'umuti wa Artesunate, mu minsi itatu iyo ari koroherwa abashije kunywa ibinini ahabwa umuti usanzwe ugenwa muri gahunda ya MFT mu gihe cy'iminsi itatu.

## **Ikibazo: Ni ba nde bibasirwa cyane na Malariya?**

**Igisubizo:**

- Abagore batwite,
- Abafite ikibazo cy'imirire mibi,
- Abana bari munsi y'imyaka itanu
- Abafite virusi itera SIDA
- Abandi bantu bafite umubiri ufite intege nke

***Icyitonderwa :*** *Bagomba kwitabwaho mu buryo bw'umwihariko hakurikijwe amabwiriza yo kuvura Malariya ya Minisiteri y'Ubuzima .*

## **Ikibazo: Ni izihe ngamba zikomatanije zikoreshwa mu kurwanya Malariya mu Rwanda?**

**Igisubizo:**

- Kuryama mu nzitiramibu ikoranye umuti,
- Kurwanya imibu ukoresheje umuti uterwa imbere  munzu,
- Gukuraho ubwororokero n'ubwihisho bw'imibu
- Gusuzuma no kuvura
- Gutanga imiti yo kurinda Malariya abagore batwite
- Kugenzura no kwitegura guhangana n'icyorezo cya Malariya
- Itangwa n'imicungire y'imiti
- Ubukangurambaga bugamije guhindura imyumvire n' imyitwarire

## IBIBAZO N'IBISUBIZO KU NDWARA YA MALARIYA

Nzeri 2025